**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE**

---

# AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'IBIDUKIKIJE Nº 001 YO KUWA 19/7/23 AKUMIRA URUSAKU RUBANGAMIRA UMUDENDEZO W'ABATURARWANDA

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 22, 24 n'iya 41;

Ashingiye ku Itegeko Nº 22/2019 ryo ku wa 29/07/2019 rigenga Umujyi wa Kigali, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23;

Ashingiye kandi ku Itegeko Nº 065/2021 ryo ku wa 09/10/2021 rigenga Akarere, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8;

Ashingiye kandi ku Itegeko Nº 48/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga ibidukikije cyane cyane mu ngingo yaryo ya 43, 53;

Ashingiye kandi ku Itegeko Nº 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 267;

Ashingiye kandi ku Itegeko Nº 72/2018 ryo ku wa 31/08/2018 rigena imitunganyirize n'imikorere y'imiryango ishingiye ku myemerere, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 16, igika cya 2;

Ashingiye kandi ku itegeko Nº12 ter/2014 ryo ku wa 19/05/2014 rigena imitunganyirize y'ubukerarugendo mu Rwanda cyane cyane mu ngingo zaryo , iya 12, 20,25,27 n'iya 48

Ashingiye ku itegeko Nº46/2010 ryo ku wa 14/12/2010 rigenga ububasha, inshingano, imitunganyirize n'imikorere bya Polisi y'u Rwanda nkuko ryahinduwe kandi rikuzuzwa kugeza ubu cyane cyane mu ngingo zaryo iya 6 n'iya 7;

Amaze gusuzuma imbogamizi zagaragajwe n'abaturarwanda ku rusaku hirya no hino mu Gihugu rushobora kugira ingaruka ku buzima bw'abaturarwanda;

Minisitiri w'Ibidukikije ashyizeho amabwiriza akumira urusaku rubangamira umudendezo w'abaturarwanda;

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE

## UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

### Ingingo ya 1: Icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza agamije gushyiraho ingamba zo gukumira urusaku rwangiza cyangwa rukabangamira umudendezo w'abaturarwanda.

### Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya mabwiriza, amagambo akoreshwa afite ibisobanuro bikurikira:

**Urusaku**: Ni ijwi rirengeje ibipimo bigenwa n'aya mabwiriza;

**Amanywa**: Igihe cy'amasaha abarwa kuva saa kumi n'ebyiri za mu gitondo kugeza saa tatu z'umugoroba;

**Ijoro**: Igihe cy'amasaha abarwa kuva saa tatu z'umugoroba kugeza saa kumi n'ebyiri za mu gitondo;

**Sound level meter**: Ni igikoresho cyifashishwa mu gupima ingano y'ijwi

**Decibel** (dB): Ni urugero rw'igipimo fatizo cyifashishwa mu gupima ingano y'ijwi

**Igice cy'ituze:** Intera igera kuri metero 100 uvuye ku nyubako z'amavuriro, amashuri, amasomero, inyubako z'inkiko n'ibiro rusange

**Urwego rubifitiye ububasha:** Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kubungabunga ibidukikije.

### Ingingo ya 3: Abarebwa n'aya mabwiriza

Bitabangamiye ibiteganywa n'ayandi mategeko, aya mabwiriza arareba ibikorwa bikurikira:

1. Abafite ibikorwa by'ubucuruzi, iby'ubukerarugendo birimo hoteli, amacumbi, resitora, utubari, utubyiniro
2. Abafite ibikorwa by'ubucuruzi byamamaza bikoresha indangururamajwi
3. Abafite ibikorwa by'ubwubatsi
4. Abafite ibikorwa by'imyidagaduro
5. Abafite ibikorwa by'inganda
6. Abafite ibikorwa by'amakoraniro n'ibiterane
7. Abafite insengero cyangwa imisigiti
8. N'ibindi bikorwa byose byateza urusaku

## UMUTWE WA II: INTEGO Z'AYA MABWIRIZA

### Ingingo ya 4: Intego z'aya mabwiriza

Aya mabwiriza agamije:

- ✓ Gushyiraho uburyo bwo kurwanya no gukumira urusaku
- ✓ Guhuza ibikorwa n'uburyo bw'igenzura, hagamijwe gukumira urusaku
- ✓ Gushyiraho no kumenyekanisha ibipimo ntarengwa by'amajwi
- ✓ Gukurikirana no gusuzuma iyubahirizwa ry'aya mabwiriza n'ibipimo ntarengwa by'amajwi

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE

## UMUTWE WA III: IBICE/ZONES, AMASAHA N'URUGERO NTARENGWA RW'AMAJWI

### Ingingo ya 5: Ibice (Zones), amasaha n'urugero ntarengwa rw'amajwi muri zone

Ibikorwa byose bitewe n'aho biherereye, bigomba kubahiriza ibipimo ntarengwa by'amajwi nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

| S/N | Igice /Zone | Urugero ntarengwa rw'amajwi (Decibel) | |
|---|---|---|---|
| | | Amanywa | Ijoro |
| 1. | Igice cyagenewe imiturire | 55 | 45 |
| 2. | Igice cyagenewe Ubucuruzi | 65 | 55 |
| 3. | Igice cyagenewe inganda | 75 | 70 |
| 4. | Igice cy'ituze | 50 | 40 |

Ibice by'ituze bigomba kugaragazwa kandi bigashyirwaho ibimenyetso ku bufatanye bw'inzego bireba. Nta kwamamaza hakoreshejwe indangururamajwi, amahoni y'ibinyabiziga cyangwa urundi rusaku byemewe muri iki gice.

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE**

**Ingingo ya 6: Urugero ntarengwa rw'amajwi imbere n'inyuma mu nyubako zikorerwamo**

Ibikorwa bikorera imbere mu nyubako ntibigomba kurenza ikigero cy'amajwi agaragazwa mu mbonerahamwe ikurikira:

| **S/N** | **Ubwoko bw'inyubako** | **Urugero ntarengwa rw'amajwi n'igihe umuntu yamara imbere mu nyubako irimo ayo majwi.** | | **Urugero ntarengwa rw'amajwi inyuma y'inyubako igihe cyose** |
|---|---|---|---|---|
| **1.** | Insengero n'imisigiti | 85 dBA | Amasaha 8 | Urugero ntarengwa rw'amajwi mu gice/zone inyubako iherereyemo |
| | | 88 dBA | Amasaha 4 | |
| **2.** | Inyubako zagenewe imyidagaduro n'utubyiniro | 85 dBA | Amasaha 8 | |
| | | 88 dBA | Amasaha 4 | |
| | | 91 dBA | Amasaha 2 | |
| **3.** | Utubari na za resitora | 85 dBA | Amasaha 8 | |
| | | 88 dBA | Amasaha 4 | |

## Ingingo ya 7: Igihe ntarengwa umuntu atagomba kurenza ku rusaku

Nta muntu wemerewe kujya cyangwa gushyirwa mu rusaku rudahagaze rurenze ikigero cya 70 dB mu gihe kingana n'umunsi wose.

Nta bikorwa byemerewe gushyira umuntu mu rusaku rudahagaze rurenze ikigero cya 85 dB mu gihe kingana n'amasaha umunani (8) ku munsi. Iyo icyo kigero kirenze, hubahirizwa amasaha ari mu mbonerahamwe ikurikira kandi ba nyir'ibikorwa bagashakira amahugurwa ajyanye no kwirinda urusaku ndetse bakanapimisha buri mwaka abakozi babo bahura n'urwo rusaku ngo harebwe ko ukumva kwabo kutangiritse.

| S/N | Igipimo cy'urusaku | Igihe ntarengwa ushobora kurubamo |
|---|---|---|
| 1. | 85 | Amasaha 8 |
| 2. | 88 | Amasaha 4 |
| 3. | 91 | Amasaha 2 |
| 4. | 94 | Isaha 1 |
| 5. | 97 | Iminota 30 |
| 6. | 100 | Iminota 15 |
| 7. | 103 | Iminota 7.5 |
| 8. | 106 | Iminota 3.7 |
| 9. | 109 | Amasegonda 118 |
| 10. | 112 | Amasegonda 94 |
| 11. | 115 | Amasegonda 28 |
| 12. | 118 | Amasegonda 14 |
| 13. | 121 | Amasegonda 7 |
| 14. | 124 | Amasegonda 3 |
| 15. | 127 | Isegonda 1 |
| 16 | 130-140 | Munsi y'isegonda 1 |
| 17. | 140 | Nta muntu ugomba kurujyaho |

**Ingingo ya 8: Ikigero cy'amajwi hagati y'ibice bibiri bitandukanye**

Aho ibice bibiri bibangikanye cyangwa bihana imbibi, hubahirizwa urugero rw'ibipimo by'amajwi by'igice gifite ibipimo biri hasi

**Ingingo ya 9: Ibikorwa by'imyidagaduro**

Ibikorwa by'imyidagaduro bibera mu gice cyagenewe imyidagaduro bigomba kutarenza ikigero cy'amajwi ntarengwa cya 70 dB kandi bigashyiraho uburyo bwo kurinda no gukumira ko byabangamira ibindi bice byegeranye

**Ingingo ya 10: Ibikorwa bigomba gushyiraho uburyo bwo kwigenzura**

Ibikorwa bikurikira bigomba gushyiraho uburyo bwo kwigenzura ko bitarenza urugero rw'amajwi ateganywa n'aya mabwiriza mu gihe bifite urusaku rubiturukaho :

1. Ibikorwa by'ubucuruzi, iby'ubukerarugendo birimo nka, Hoteli, amacumbi, Resitora, utubari, utubyiniro,
2. Ibikorwa byamamaza hakoreshejwe indangururamajwi
3. Ibikorwa by'imyidagaduro
4. Ibikorwa by'Inganda
5. Ibikorwa by'amakoraniro n'ibiterane
6. Insengero n'imisigiti
7. N'ibindi bikorwa byose byateza urusaku

**Ingingo 11: Uruhushya rwihariye**

Ibikorwa by'ubwubatsi bishobora guteza urusaku bikorwa mu masaha ya ku manywa. Iyo bibaye ngombwa ko bizakorwa no mu masaha y'ijoro, bisabirwa uruhushya rwihariye bikozwe mu gihe cyo gushaka uruhushya rwo kubaka, bityo uruhushya rwo kubaka rugaherekezwa n'imirongo ngenderwaho ituma hirindwa urusaku.

Ibikorwa byamamaza hakoreshejwe indangururamajwi hamwe n'ibitaramo bibera hanze y'inyubako zabugenewe bisabirwa uruhushya rwihariye mu nyandiko ku Mujyi wa Kigali cyangwa ku Karere, rugatangwa hamaze kugishwa inama inzego zishyira mu bikorwa aya mabwiriza. Usaba uruhushya agaragaza aho bizakorerwa n'amasaha bizaberaho. Ntibigomba gukorerwa mu gice cy'ituze. Urwego rutanga uruhushya rwihariye ruzashyiraho imirongo ngenderwaho y'uburyo uruhushya rutangwa.

## UMUTWE WA IV: IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI

### Ingingo ya 12: Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi

Hashingiwe ku biteganywa n'itegeko rigenga ibidukikije, guteza urusaku rurengeje ibipimo, bitabangamiye ibiteganywa n'itegeko riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, umuntu uteza urusaku rurengeje ibipimo byagenwe ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda angana n'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW).

### Ingingo ya 13: Igihe cyo kwishyura ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi

Umuntu uciwe ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iteganywa muri aya mabwiriza, ayishyura mu gihe cy'iminsi itarenze irindwi (7) y'akazi ibarwa uhereye igihe yabimenyesherejwe mu nyandiko kandi ibikorwa bye biba bihagaritswe by'agateganyo iyo bihari.

Iyo uwaciwe ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ivugwa muri aya mabwiriza atubahirije igihe cyo kuyishyura, afungirwa by'agateganyo ibikorwa kugeza yishyuye kandi akagaragaza mu nyandiko ingamba zo kudasubira gukora ibikorwa biteza urusaku rubangamira umutuzo w'abaturarwanda.

### Ingingo ya 14 : Konti yishyurwaho ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi

Ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ishyirwa kuri konti y'Ikigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije.

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE**

## UMUTWE WA V: ISHYIRWA MU BIKORWA, IHUZABIKORWA N'IKURIKIRANA BIKORWA RY'AYA MABWIRIZA

### Ingingo ya 15: Inzego zizashyira mu bikorwa aya mabwiriza

Aya mabwiriza azashyirwa mu bikorwa n'inzego zikurikira:

1. Polisi y'u Rwanda ;
2. Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha;
3. Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije;
4. Ikigo cy'Igihugu gitsura Ubuziranenge;
5. Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iterambere ;
6. Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imiyoborere ;
7. Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imiturire ;
8. Umujyi wa Kigali n'Uturere ;

### Ingingo ya 16 : Ububasha bw' Inzego zizashyira mu bikorwa aya mabwiriza

Inzego zishinzwe kugenzura no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza zifite ububasha bwo guhagarika by'agateganyo, gufatira ibikoresho byateje urusaku, ibikorwa bigaragaweho guteza urusaku no kwishyuza ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi.

### Ingingo ya 17: Ibikoresho byifashishwa

Mu gukurikirana iyubahirizwa ry'ibikubiye muri aya mabwiriza hazifashishwa agakoresho kabugenewe kazwi ku izina rya ''Sound level meter'' mu ndimi z'amahanga kandi kakorewe ihuzabipimo (Calibrations) n'urwego rubifitiye ububasha.

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE**

---

## UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

### Ingingo ya 18: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya mabwiriza

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo zivanyweho.

### Ingingo ya 19: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi ashyiriweho umukono.

Bikorewe i Kigali, kuwa 12 Nyakanga 2023

**Dr. MUJAWAMARIYA Jeanne d'Arc**

**Minisitiri w'ibidukikije**